# UMWAKA 2012

**INOMERO YUZUYE Y'UMUNYESHURI**

| Intara/Umujyi | Akarere | Umurenge | Ishuri | Umunyeshuri |
|---|---|---|---|---|
| | | | | |

**AMAZINA Y'UMUNYESHURI**

IZINA RYAWE BWITE: ______________________________________________

ANDI MAZINA YAWE: ______________________________________________

INOMERO Y'UMUNYESHURI N'AMAZINA YE BIGOMBA KUGARAGARA NK'UKO BYANDITSWE KURI "REGISTRATION FORM"

## IKIZAMINI CY'IKINYARWANDA
## UMWAKA WA GATANDATU 2012

**Igihe kimara: amasaha abiri**

UMWANDIKO:

Imvaho Nshya N°1962, tariki ya 04-07 Gashyantare 2010 Amakuru Urup.C

Kubungabunga ibidukikije bibe ibya bose

Mukagahizi Rose

U Rwanda barwita igihugu cy'imisozi igihumbi bitewe n'ubwiza nyaburanga bwarwo. Iyo witegereje uburyo iki gihugu gitohagiye usanga Atari amahirwe apfa kugirwa na buri gihugu. Abanyamahanga bagize amahirwe yo gusura u Rwanda bemeza ko ubwiza bwarwo nta handi wabusanga mu mugabane wa Afurika. Kuva mu burasirazuba kugera mu burengerazuba, kuva mu majyaruguru kugera mu majyepfo, u Rwanda usanga rurangwa n'ubwiza rwahanganywe na Rurema hamwe n'ikirere gituje. U Rwanda kandi rufite amoko atandukannye y'inyamanswa.

Pariki Nasiyonali y'Ibirunga, mu majyaruguru, irimo umubare munini w'ingagi zizira amahane kandi utasanga ahandi ku isi. Izo ngagi zibarirwa mu Magana kandi zibera ahantu harinzwe kugira ngo zidahohoterwa na ba rushimusi.

Pariki Nasiyonali y'Akagera mu burasirazuba bw'u Rwanda yituriwe n'inyamanswa zitandukanye zaba inini n'intoya. Na ho Pariki y'Ibirunga ikiturirwa n'ingagi zizanira u Rwanda ba mukerarugendo b'abanyamahanga n'amafaranga yabo yitwa amadovize.

Ikiyaga cya Kivu gifite inkengero zibereye ijisho, ugasangamo kandi ibirwa n'imyingimbakirwa by'agahebuzo. Muri make, u Rwanda ni nka paradizo. Ruri mu bihugu bikunzwe cyane. Usibye kwakirwa neza iyo urugezemo ubona n'ibindi byinshi nk'icyo kurya kiboneye ndetse n'umuco twasigiwe n'abakurambere maze ukagubwa neza.

U Rwanda kimwe n'ibindi bihugu by'isi rwatangiye gahunda yo kurinda, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije. Kurinda no kubungabunga ibidukikije ni ingenzi k'u Rwanda kuko ubukungu bwarwo bushingiye ku buhinzi n'ubworozi; bityo rero, ubutaka bugomba kubungwabungwa. Iyo ubutaka bwononekaye byanze bikunze n'ubukungu burahazaharira. Ikibabaje ni uko buri gihe ikibazo cyo kwita ku bidukikije kiza byarangije kwangirika

## IGICE CYA MBERE: UMWANDIKO N'IMITERERE Y'URURIMI

### I. KUMVA UMWANDIKO (18)

1. Kubera iki u Rwanda barwita igihugu cy'imisozi igihumbi? (1)

______________________________________________

2. Andika ibintu bine ibidukikije by'u Rwanda. (2)

______________________________________________

______________________________________________

3. Ni ayahe mapariki y'u Rwanda avugwa muri uyu mwandiko? Aherereye he? (2)

______________________________________________

______________________________________________

4. Kugira ngo ingagi zidahohoterwa na ba rushimusi bazikorera iki? (1)

______________________________________________

5. Kubera iki iyo ubutaka bwononekaye bizahaza ubukungu bw'u Rwanda? (1)

______________________________________________

6. Subiza <u>yego</u> cyangwa <u>oya</u> ukurikije ibivugwa mu mwandiko.

(a). Ubwiza bw'u Rwanda ni umwihariko warwo. [ ]

(b). Ingagi ziboneka muri za pariki zose z'u Rwanda. [ ]

(c). Mu Rwanda, kubungabunga ibidukikije ni igikorwa kireba Leta [ ]

(d). Gahunda yo kurinda no kubungabunga ibidukikije u Rwanda ruyihuriyeho n'ibindi bi [ ]

(e). Ingagi ni inyamanswa z'inkazi. [ ]

7. Andika byibura ibintu bine biri ku mwandiko bigaragaza ko ari inyandiko y'ikinyamakuru. (4)

______________________________________________

______________________________________________

______________________________________________

______________________________________________

8. Andika byibura ibintu bibiri byangombwa kugira ngo ube wakwandika inyandiko y'ikinyamakuru.

______________________________________________

______________________________________________

### II. INYUNGURAMAGAMBO (12)

9. Uzurisha buri nteruro ijambo cyangwa amagambo uhisemo muri aya: (5)

**Gutohagira, agahebuzo, kugubwa neza, kubungabunga, kuzahara, rushimusi, mukerarugendo, inkengero, ibirwa.**

(a). Mubuze abana gukinira ku ______________________ z'ikiyaga ingona zitabarya.

(b). Mirenge ku Ntenyo yari afite ubukungu bw' ______________________.

(c). ______________________ yitwaza ijoro kugira ngo ashorere inka z'abandi.

(d). Iki giti cyari cyarumye none cyongeye ______________________________.

(e). Indwara yarwaye yamuteye ______________________________.

10. Simbuza ijambo riri mu dukubo imbusane yaryo. (3)

(a). (Ubwiza) bw'igihugu bugaragarira no mu miyoborere yacyo.

______________________________

(b). (Abanyamahanga) basura ibyiza nyaburanga by'u Rwanda.

______________________________

(c). Hari inyamaswa z'inkazi zigira (amahane).

______________________________

11. Simbuza amagambo ari mu dukuboandi yo mu mwandiko bisobanura kimwe. (4)

(a). Igihugu cyacu kibona (amafaranga y'amahanga) aturutsu ku bukerarugendo.

______________________________

(b). (Gufata neza) ubuzima bw'abanyarwanda ni imwe mu nshingano za Minisiteri y'ubuzima.

______________________________

(c). (Abatubanjirije) bakundaga umurimo.

______________________________

(d). U Rwanda (rwaremanywe) ubwiza butangaje.

______________________________

**III. UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (9)**

12. Uzuza iyi migani y'imigenurano: (4)

(a). ______________________________ ntakurwa urutozi.

(b). Akebo kajya ______________________________.

(c). Igiti kigororwa ______________________________.

(d). ______________________________ yumvira ijeri.

13. Huza ibisobanura kimwe. (5)

| | |
|---|---|
| (a). Guta inyuma ya Huye | Guhaga cyane |
| (b). Gutera imboni | Gukora iyo bwababaga |
| (c). Kugenda muti wa mperezayo | Kugenda ntugaruke |
| (d). Kugwa ivutu | Kurabukwa umuntu cyangwa ikintu |
| (e). Kwinyara mu isunzu | Kubwira umuntu utumwa |

**IV. IKESHAMVUGO (5)**

14. Simbuza amagambo ari mu dukubo amagambo yabugenewe. (5)

(a). Umwami Musinga (yapfuye) mu 1931.

______________________________

(b). Masenge (arasuka) amata mu nkongoro.

______________________________

(c). Marita (yaguze) igisabo ageze mu rugo (kirameneka).

______________________________

(d). Yagiye gutira (ibuye baseraho amasaka).

______________________________________________

**V. IKIBONEZAMVUGO (32)**

15. Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo: (6)

(a). <u>IngagiBitoveni</u> iba muri Pariki y'ibirunga.

Ingagi: ______________________________________________

Bitoveni: ______________________________________________

(b). <u>Kurinda</u> ibidukikije ni ngombwa mu <u>Rwanda</u>.

<u>Kurinda</u>: ______________________________________________

<u>Rwanda</u>: ______________________________________________

(c). <u>Twese</u> duhamagarirwa kubaha ba mukererugendo.

<u>Twese</u>: ______________________________________________

(d). U Rwanda rufite Pariki <u>zingahe</u>?

<u>Zingahe</u>: ______________________________________________

16. Erekana intego n'inteko by'amagambo akurikira ari mu mwandiko. (10)

(a). Inkengero: ______________________________________________

(b). Ubwiza: ______________________________________________

(c). Agahebuzo: ______________________________________________

(d). Ibidukikije: ______________________________________________

(e). Inyamanswa: ______________________________________________

17. Tahura ibinyazina bine mu gika cya mbere cy'umwandiko, uvuge ubwoko bwabyo. (7)

______________________________________________

______________________________________________

______________________________________________

______________________________________________

18. Shyira interuro zikurikira mu bindi bihe bikuru by'inshinga. (4)

(a). Ibidukikije by'u Rwanda byarangiritse.

______________________________________________

______________________________________________

(b). Imigezi izuzura amazi.

______________________________________________

______________________________________________

19. Shyira ubutinde n'amasaku ku magambo akurikira: (5)

(a). Ibirunga: ______________________________________________

(b). Imisozi: ______________________________________________

(c). Ikirere: ______________________________________________

(d). Umuco: ______________________________

(e). Amashyamba: ______________________________

**VI. IMYANDIKIRE Y'IKINYARWANDA (9)**

20. (a). Andika neza interuro zanditse nabi.

(i). Kurengera ibidukikijeniingirakamaro.

______________________________

(ii). Abanyamahanga nabo barugeze mo baratura.

______________________________

(iii). Pariki y'Ibirunga niyo ituwe n'ingagi.

______________________________

(iv). Nibyiza gufata neza ubutaka kugirango butange umusaruro.

______________________________

(b). Andika amazina y'utu twatuzo hanyuma utange urugero rw'interuro yerekana uko dukoreshwa. (4)

(i) ? ______________________________

(ii) ! ______________________________

(iii) . ______________________________

(iv) : ______________________________

**IGICE CYA KABIRI: IHANGAMWANDIKO (15)**

21. Garagaza imbata y'ibarurwa y'ubutegetsi (ubuyobozi).